<p>by'imari birebana n'iterabwoba no gutera inkunga iterabwoba;</p> <p>17° gushyiraho amabwiriza ashyira mu bikorwa ibyemezo by'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku bijyanye n'ibihano mu by'imari birebana n'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi no kuritera inkunga;</p> <p>18° gutangaza raporo zigaragaza imibare yuzuye, amoko n'imihindagurikire by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi n'amakuru arebana n'ibikorwa byayo;</p> <p>19° gutangariza abashinzwe gutanga amakuru icyo ivuga ku makuru avuye muri raporo zerekeye ibikorwa bikemangwa, tekini zigezweho, uburyo bukoreshwa, imihindagurikire cyangwa ingero z'ibikorwa byabaye by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ariko izo ngero ntizigaragazwemo amakuru agomba kugirwa ibanga;</p>	<p>financial sanctions related to terrorism and terrorism financing;</p> <p>17° to lay down regulations that implement the United Nations Security Council Resolutions with regard to targeted financial sanctions related to the proliferation of weapons of mass destruction and its financing;</p> <p>18° to publish reports with comprehensive statistics, typologies and trends of money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction as well as information regarding its activities;</p> <p>19° to provide feedback to reporting persons with regard to suspicious transactions reports, current techniques, methods, trends or sanitised examples of actual money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction cases but such examples must not contain confidential information;</p>	<p>financières ciblées relatives au terrorisme et au financement du terrorisme;</p> <p>17° établir les règlements qui mettent en œuvre les résolutions du Conseil de Sécurité des Nations Unies en rapport avec les sanctions financières ciblées relatives à la prolifération des armes de destruction massive et de son financement;</p> <p>18° publier des rapports contenant des statistiques complètes, des typologies et tendances de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive ainsi que des informations sur ses activités;</p> <p>19° fournir aux personnes déclarantes une réaction sur les déclarations d'opérations suspectes, des techniques actuelles, des méthodes, des tendances ou des exemples de cas réels épurés dans le domaine du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive mais ces exemples ne doivent pas contenir des informations confidentielles;</p>
--	---	---

<p>20° gukora urutonde rurambuye rw'abashinzwe gutanga amakuru no kurutangaza;</p> <p>21° kugira imikoranire n'inzego, imiryango cyangwa ibigo bikorera ku rwego rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga mu kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Ububasha</u></b></p> <p>FIC ifite ububasha bukurikira:</p> <p>1° kugenzura ibikorwa by'iherekanya ry'imari byagaragajwe ko bikemangwa;</p> <p>2° kubona amakuru y'imari, ay'ubutegetsi n'ay'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko;</p> <p>3° kugera ku makuru koranabuhanga n'andi makuru ari muri seriveri z'abashinzwe gutanga amakuru cyangwa izindi nzego hagamijwe gukora ubutasi ku mari;</p> <p>4° guhagarika no gufatira umutungo ukemangwa;</p>	<p>20° to develop and publish a detailed list of reporting persons;</p> <p>21° to collaborate with institutions, organisations or agencies that operate at national and international level in countering money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction.</p> <p><b><u>Article 8: Powers</u></b></p> <p>FIC has the following powers:</p> <p>1° to monitor financial transactions that have been reported as suspicious;</p> <p>2° to access financial, administrative information and that of Law enforcement authorities;</p> <p>3° to access electronic data and other information banked in the servers of reporting persons and other organs for the purpose of financial intelligence;</p> <p>4° to freeze and seize suspicious property;</p>	<p>20° élaborer et publier une liste détaillée des personnes déclarantes;</p> <p>21° collaborer avec les institutions, organisations ou agences qui opèrent au niveau national et international dans la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive.</p> <p><b><u>Article 8: Pouvoirs</u></b></p> <p>Le FIC a les pouvoirs suivants:</p> <p>1° contrôler les opérations financières signalées comme suspectes;</p> <p>2° accéder aux informations financières, administratives et celles des organes d'application de la loi;</p> <p>3° accéder aux données électroniques et d'autres informations stockées dans les serveurs des personnes déclarantes et d'autres organes à des fins de renseignements financiers;</p> <p>4° geler et saisir le patrimoine suspecté;</p>
---	--	---

<p>5° gutegeka umuntu ufite inyandikompano n'inyandiko bwite ku bikorwa by'ishererekanya ry'imari kuziyishyikiriza;</p>	<p>5° to order the person with authentic and private documents on financial transactions to submit them to it;</p>	<p>5° ordonner à une personne détenant des documents authentiques et privés sur les opérations financières de les lui transmettre;</p>
<p>6° gutegeka inzego zibishinzwe gutanga amakuru ajyanye n'imitungo y'abantu ku giti cyabo cyangwa ay'umuryango ufite ubuzimagatozi bikekwaho icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kimbuzi mu rwego rwo gukora ubutasi ku mari;</p>	<p>6° to order relevant organs to provide information related to the property of natural persons or legal person suspected of crime of money laundering, financing terrorism and financing the proliferation of weapons of mass destruction in order to conduct financial intelligence;</p>	<p>6° ordonner aux organes concernés de fournir les informations relatives au patrimoine des personnes physiques ou morales suspectées de crime de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive afin de mener des renseignements financiers;</p>
<p>7° gutanga cyangwa guhererekanya amakuru n'urwego rushinzwe ubutasi ku mari rwo mu kindi gihugu n'izindi nzego zo mu mahanga zifite ububasha bwo kubona amakuru ikeneye iyo bisangiye inshingano yo kugira ibanga ry'akazi;</p>	<p>7° to provide or exchange information with a financial intelligence authority from another country and other foreign organs with the power to access needed information in case they have the same obligation of professional secrecy;</p>	<p>7° fournir ou échanger des informations avec une autorité de renseignements financiers d'un autre pays ou d'autres organes étrangers dotés des pouvoirs d'accéder aux informations dont il a besoin lorsqu'ils ont la même obligation de secret professionnel;</p>
<p>8° gutegeka abashinzwe gutanga amakuru kuzana andi makuru y'inyongera afasha gusesengura iyo afitanye isano n'amakuru yakiriwe;</p>	<p>8° to order reporting persons to bring additional information useful for the analysis when the information is correlated to received information;</p>	<p>8° ordonner aux personnes déclarantes d'apporter des informations supplémentaires utiles pour l'analyse lorsque ces informations sont liées aux informations reçues;</p>
<p>9° gushyiraho amabwiriza agena amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku bashinzwe gutanga amakuru bagenzurwa na yo.</p>	<p>9° to establish regulations determining faults and administrative sanctions for reporting persons under its supervision.</p>	<p>9° établir les règlements qui déterminent les fautes et les sanctions administratives pour les personnes déclarantes sous sa supervision.</p>

<p><b>UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'IMIKORANIRE</b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Inzego za FIC</u></b></p> <p>Inzego za FIC ni izi zikurikira:</p> <p>1° Ubuyobozi Bukuru;</p> <p>2° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.</p> <p><b><u>Akicro ka mbere: Ubuyobozi Bukuru bwa FIC</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10: Ubuyobozi Bukuru bwa FIC</u></b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru bwa FIC ni rwo rwego rukuru mu byerekeye imiyoborere no gufata ibyemezo biyifasha kugera ku nshingano zayo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa FIC</u></b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru bwa FIC bugizwe na:</p> <p>1° Umuyobozi Mukuru;</p>	<p><b>CHAPTER III: ORGANISATION, FUNCTIONING AND COLLABORATION</b></p> <p><b><u>Section One: Organisation</u></b></p> <p><b><u>Article 9: Organs of FIC</u></b></p> <p>The organs of FIC are the following:</p> <p>1° the Directorate General;</p> <p>2° the Executive Secretariat.</p> <p><b><u>Sub-section One: Directorate General of FIC</u></b></p> <p><b><u>Article 10: Directorate General of FIC</u></b></p> <p>The Directorate General of FIC is the supreme organ regarding the management and decision-making enabling FIC to fulfil its responsibilities.</p> <p><b><u>Article 11: Members of the Directorate General of FIC</u></b></p> <p>The Directorate General of FIC comprises:</p> <p>1° the Director General;</p>	<p><b>CHAPITRE III: ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COLLABORATION</b></p> <p><b><u>Section première: Organisation</u></b></p> <p><b><u>Article 9: Organes du FIC</u></b></p> <p>Les organes du FIC sont les suivants:</p> <p>1° la Direction générale;</p> <p>2° le Secrétariat exécutif.</p> <p><b><u>Sous-section première: Direction générale du FIC</u></b></p> <p><b><u>Article 10: Direction générale du FIC</u></b></p> <p>La Direction générale du FIC est l'organe suprême d'administration et de prise de décisions permettant au FIC de remplir ses attributions.</p> <p><b><u>Article 11: Membres de la Direction générale du FIC</u></b></p> <p>La Direction générale du FIC comprend:</p> <p>1° le Directeur général;</p>
---	---	---

<p>2° Umuyobozi Mukuru Wungirije.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Ishyirwaho ry’Umuyobozi Mukuru n’Umuyobozi Mukuru wungirije</b></p> <p>Umuyobozi Mukuru n’Umuyobozi Mukuru Wungirije ba FIC bashyirwaho n’Iteka rya Perezida.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano z’Ubuyobozi Bukuru</b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru bwa FIC bufite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gufata ibyemezo byose byafasha FIC kugera ku ntego;</p> <p>2° kwemeza umushinga w’imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo ya FIC;</p> <p>3° kwemeza amabwiriza n’imirongo ngenderwaho byerekeye gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry’intwara za kirimbuzi;</p> <p>4° wemeza amasezerano FIC yagirana n’andi mashami y’ubutasi ku mari yo mu mahanga;</p>	<p>2° the Deputy Director General.</p> <p><b><u>Article 12:</u> Appointment of the Director General and Deputy Director General</b></p> <p>The Director General and Deputy Director General of FIC are appointed by a Presidential Order.</p> <p><b><u>Article 13:</u> Responsibilities of the Directorate General</b></p> <p>The Directorate General of FIC has the following responsibilities:</p> <p>1° to make all decisions enabling FIC to fulfil its mission;</p> <p>2° to approve the draft organisational structure of FIC;</p> <p>3° to approve regulations and guidelines related to the prevention and countering money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;</p> <p>4° to approve a memorandum of understanding that FIC may conclude with other foreign financial intelligence centres;</p>	<p>2° le Directeur général adjoint.</p> <p><b><u>Article 12:</u> Nomination du Directeur général et du Directeur général adjoint</b></p> <p>Le Directeur général et le Directeur général adjoint du FIC sont nommés par arrêté présidentiel.</p> <p><b><u>Article 13:</u> Attributions de la Direction générale</b></p> <p>La Direction générale du FIC a les attributions suivantes:</p> <p>1° prendre toutes les décisions permettant au FIC d’accomplir sa mission;</p> <p>2° approuver le projet de structure organisationnelle du FIC;</p> <p>3° approuver les règlements et les lignes directrices relatifs à la prévention et à la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive;</p> <p>4° approuver un mémorandum d’entente que FIC peut conclure avec d’autres centres de renseignement financier étrangers;</p>
--	--	---

<p>5 ° kwemeza amategeko ngengamikorere ya FIC;</p> <p>6 ° kwemeza igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa bya FIC;</p> <p>7 ° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya FIC no gukurikirana ikoresha ry'ingengo y'imari yayo;</p> <p>8 ° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'umwaka urangiye;</p> <p>9 ° gushyira mu myanya abakozi ba FIC hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 14: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru</u></b></p> <p>Umuyobozi Mukuru wa FIC afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kuyobora, guhuza no gukurikirana ibikorwa bya FIC;</p> <p>2° gutumira no kuyobora inama za FIC;</p> <p>3° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Mpuzabikorwa bijyanye n'inshingano za FIC;</p>	<p>5° to approve the rules of procedure of FIC;</p> <p>6° to approve the strategic plan and action plan of FIC;</p> <p>7° to approve the draft budget proposal of FIC and monitor the execution of its budget;</p> <p>8° to approve the report on activities and use of finance and property for the previous year;</p> <p>9° to assign the staff of FIC to positions in accordance with relevant legislation.</p> <p><b><u>Article 14: Duties of the Director General</u></b></p> <p>The Director General of FIC has the following duties:</p> <p>1° to lead, coordinate and monitor the activities of FIC;</p> <p>2° to convene and chair meetings of FIC;</p> <p>3° to implement decisions of the Coordination Council related to the responsibilities of FIC;</p>	<p>5° approuver le règlement d'ordre intérieur du FIC;</p> <p>6° approuver le plan stratégique et le plan d'action du FIC;</p> <p>7° approuver l'avant-projet de budget du FIC et faire le suivi de l'exécution de son budget;</p> <p>8° approuver le rapport d'activités et d'utilisation des finances et du patrimoine pour l'exercice précédent;</p> <p>9° affecter le personnel du FIC conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Article 14: Attributions du Directeur général</u></b></p> <p>Le Directeur général du FIC a les attributions suivantes:</p> <p>1° diriger, coordonner et faire le suivi des activités du FIC;</p> <p>2° convoquer et présider les réunions du FIC;</p> <p>3° mettre en œuvre les décisions du Conseil de Coordination relatives aux attributions du FIC;</p>
---	---	--

<p>4° guhagararira FIC imbere y'amategeko;</p> <p>5° gutanga ibihano ku bashinzwe gutanga amakuru bagenzurwa na FIC mu gihe batubahirije inshingano zabo;</p> <p>6° gukurikirana itegurwa ry'amabwiriza n'imirongo ngenderwaho byerekeye gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuji;</p> <p>7° kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza yerekeranye no gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuji;</p> <p>8° gushyikiriza inzego ziteganyijwe muri iri tegeko gahunda na raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari;</p> <p>9° gukora undi murimo yahabwa n'Ubuyobozi Bukuru uri mu nshingano za FIC.</p>	<p>4° to act as the legal representative of FIC;</p> <p>5° to impose sanctions to reporting persons under FIC supervision for non-compliance with their responsibilities;</p> <p>6° to monitor the drafting of regulations and guidelines related to the prevention and countering money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;</p> <p>7° to monitor compliance with laws and regulations related to the prevention of money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;</p> <p>8° to submit to organs provided for by this Law the action plan, activity report and the report on the budget execution;</p> <p>9° to perform other duty within the responsibilities of FIC as may be assigned to him or her by the Directorate General.</p>	<p>4° être le représentant légal du FIC;</p> <p>5° imposer les sanctions aux personnes déclarantes sous la supervision du FIC pour manquement à leurs attributions;</p> <p>6° faire le suivi de l'élaboration des règlements et des lignes directrices relatifs à la prévention et à la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive;</p> <p>7° contrôler le respect des lois et des règlements relatifs à la prévention du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive;</p> <p>8° transmettre aux organes prévus par la présente loi le plan d'action, le rapport d'activités et le rapport sur l'exécution budgétaire;</p> <p>9° exécuter autre tâche rentrant dans les attributions du FIC pouvant lui être confiée par la Direction générale.</p>
---	---	--

<b><u>Ingingo ya 15: Inshingano z' Umuyobozi Mukuru Wungirije</u></b>	<b><u>Article 15: Duties of the Deputy Director General</u></b>	<b><u>Article 15: Attributions du Directeur général adjoint</u></b>
<p>Umuyobozi Mukuru Wungirije wa FIC afite inshingano zikurikira:</p>	<p>The Deputy Director General of FIC has the following duties:</p>	<p>Le Directeur général adjoint du FIC a les attributions suivantes:</p>
<p>1° kunganira Umuyobozi Mukuru no kumusimbura igihe adahari;</p>	<p>1° to assist the Director General and replace him or her in case of absence;</p>	<p>1° assister le Directeur général et le suppléer en cas d'absence;</p>
<p>2° gukurikirana ibikorwa by'ubushakashatsi n'isesengura mu byerekeye gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi;</p>	<p>2° to monitor the research and analysis activities in the area of prevention and fight against money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;</p>	<p>2° faire le suivi des activités de recherche et d'analyse en matière de prévention et de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive;</p>
<p>3° gukurikirana ibikorwa by'amahugurwa n'ubukangurambaga byerekeye gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi;</p>	<p>3° to monitor training and awareness-raising activities related to the prevention and fight against money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;</p>	<p>3° faire le suivi des activités de formation et de sensibilisation relatives à la prévention et à la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive;</p>
<p>4° gukusanya no gusesengura amategeko afitanye isano n'inshingano za FIC mu mikorere n'imikoranyire yayo ya buri muni n'izindi nzego;</p>	<p>4° to collect and analyse legislation related to the responsibilities of FIC within the context of its functioning and daily collaboration with other organs;</p>	<p>4° collecter et analyser la législation en rapport avec les attributions du FIC dans le cadre de son fonctionnement et de sa collaboration quotidienne avec d'autres organes;</p>
<p>5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'Ubuyobozi Bukuru bwa FIC;</p>	<p>5° to monitor the implementation of resolutions of the Directorate-General of FIC;</p>	<p>5° faire le suivi de la mise en œuvre des résolutions de la Direction Générale du FIC;</p>

<p>6° gukurikirana itegurwa ry'amategeko ngengamikorere ya FIC;</p> <p>7° gukurikirana itegurwa ry'amasezerano FIC yagirana n'izindi nzego z'ubutasi ku mari zo mu mahanga;</p> <p>8° gukora undi murimo yahabwa n'Ubuyobozi Bukuru uri mu nshingano za FIC.</p>	<p>6° to monitor the drafting of rules of procedure of FIC;</p> <p>7° to monitor the drafting of a memorandum of understanding that FIC may conclude with other foreign financial intelligence centres;</p> <p>8° to perform other duty within the responsibilities of FIC as may be assigned to him or her by the Directorate General.</p>	<p>6° faire le suivi de l'élaboration du règlement d'ordre intérieur du FIC ;</p> <p>7° faire le suivi de l'élaboration d'un mémorandum d'entente que FIC peut conclure avec d'autres centres de renseignement financier étrangers;</p> <p>8° exécuter autre tâche rentrant dans les attributions du FIC pouvant lui être confiée par la Direction générale.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16: Umushahara n'ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije</u></b></p> <p>Inama y'Abaminisitiri yemeza umushahara n'ibindi bigenerwa Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije ba FIC.</p>	<p><b><u>Article 16: Salary and fringe benefits granted to the Director General and Deputy Director General</u></b></p> <p>The Cabinet approves the salary and fringe benefits granted to the Director General and Deputy Director General of FIC.</p>	<p><b><u>Article 16: Salaire et avantages accordés au Directeur général et au Directeur général adjoint</u></b></p> <p>Le Conseil des Ministres approuve le salaire et les avantages accordés au Directeur général et au Directeur général adjoint du FIC.</p>
<p><b><u>Akicro ka 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa FIC</u></b></p>	<p><b><u>Sub-section 2: Executive Secretariat of FIC</u></b></p>	<p><b><u>Sous-section 2: Secrétariat exécutif du FIC</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 17: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa FIC</u></b></p> <p>Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa FIC bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi ba FIC.</p>	<p><b><u>Article 17: Executive Secretariat of FIC</u></b></p> <p>The Executive Secretariat of FIC comprises the Executive Secretary and other staff of FIC.</p>	<p><b><u>Article 17: Secrétariat exécutif du FIC</u></b></p> <p>Le Secrétariat exécutif du FIC comprend le Secrétaire exécutif et autre personnel du FIC.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 18: Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FIC</u></b></p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FIC ashwirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.</p>	<p><b><u>Article 18: Appointment of the Executive Secretary of FIC</u></b></p> <p>The Executive Secretary of FIC is appointed by a Prime Minister's Order.</p>	<p><b><u>Article 18: Nomination du Secrétaire exécutif du FIC</u></b></p> <p>Le Secrétaire exécutif du FIC est nommé par arrêté du Premier Ministre.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FIC</u></b></p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FIC afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri munsu by'Umunyamabanga Nshingwabikorwa bwa FIC;</li> <li>2° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya FIC;</li> <li>3° gucunga ingengo y'imari n'umutungo bya FIC;</li> <li>4° gutegura raporo ku mikoreshereje y'imari n'umutungo bya FIC;</li> <li>5° gushaka abakozi ba FIC hakurikijwe amategeko abigena;</li> </ol>	<p><b><u>Article 19: Duties of the Executive Secretary of FIC</u></b></p> <p>The Executive Secretary of FIC has the following duties:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° to monitor and coordinate daily activities of the Executive Secretariat of FIC;</li> <li>2° to prepare the draft budget proposal of FIC;</li> <li>3° to manage the budget and property of FIC;</li> <li>4° to prepare the report on the use of finance and property of FIC;</li> <li>5° to recruit the staff of FIC in accordance with relevant laws;</li> </ol>	<p><b><u>Article 19: Attributions du Secrétaire exécutif du FIC</u></b></p> <p>Le Secrétaire exécutif du FIC a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° faire le suivi et la coordination des activités quotidiennes du Secrétariat exécutif du FIC;</li> <li>2° élaborer l'avant-projet de budget du FIC;</li> <li>3° gérer le budget et le patrimoine du FIC;</li> <li>4° élaborer le rapport sur l'utilisation des finances et du patrimoine du FIC;</li> <li>5° recruter le personnel du FIC conformément à la législation en la matière;</li> </ol>

<p>6° gukurikirana imikorere n’imicungire by’abakozi ba FIC;</p> <p>7° kuba umwanditsi w’inama z’Ubuyobozi Bukuru bwa FIC;</p> <p>8° gutegura igenamigambi ry’igihe kirekire, gahunda na raporo y’ibikorwa bya FIC;</p> <p>9° gutegura umushinga w’amategeko ngengamikorere ya FIC;</p> <p>10° gukora undi murimo yahabwa n’Ubuyobozi Bukuru uri mu nshingano za FIC.</p>	<p>6° to monitor the performance and management of the staff of FIC;</p> <p>7° to be the rapporteur of meetings of the Directorate General of FIC;</p> <p>8° to prepare the strategic plan, action plan and activity report of FIC;</p> <p>9° to develop the draft rules of procedure of FIC;</p> <p>10° to perform other duty within the responsibilities of FIC as may be assigned to him or her by the Directorate General.</p>	<p>6° faire le suivi des performances et de gestion du personnel du FIC;</p> <p>7° être le rapporteur des réunions de la Direction générale du FIC;</p> <p>8° élaborer le plan stratégique, le plan d’action et le rapport d’activités du FIC;</p> <p>9° élaborer le projet de règlement d’ordre intérieur du FIC;</p> <p>10° exécuter autre tâche rentrant dans les attributions du FIC pouvant lui être confiée par la Direction générale.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Umushahara n’ibindi bigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa</b></p>	<p><b><u>Article 20:</u> Salary and fringe benefits granted to the Executive Secretary</b></p>	<p><b><u>Article 20:</u> Salaire et avantages accordés au Secrétaire exécutif</b></p>
<p>Inama y’Abaminisitiri yemeza umushahara n’ibindi bigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FIC.</p>	<p>The Cabinet approves the salary and fringe benefits granted to the Executive Secretary of FIC.</p>	<p>Le Conseil des Ministres approuve le salaire et les avantages accordés au Secrétaire exécutif du FIC.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo</b></p> <p>Iteka rya Minisitiri w’Intebe rigena imbonerahamwe y’imyanya y’imirimo ya FIC.</p>	<p><b><u>Article 21:</u> Organisational structure</b></p> <p>The Prime Minister’s Order determines the organisational structure of FIC.</p>	<p><b><u>Article 21:</u> Structure organisationnelle</b></p> <p>Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure organisationnelle du FIC.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 22: Ishyirwaho ry’abakozi ba FIC</u></b></p> <p>Abakozi ba FIC bashyirwaho kandi bagacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2: Imikorere n’imikoranire</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 23: Imikorere y’inzego za FIC</u></b></p> <p>Amategeko ngengamikorere ya FIC ateganya uburyo bw’imikorere n’imikoranire by’inzego zayo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 24: Imikoranire ya FIC n’abashinzwe gutanga amakuru n’izindi nzego</u></b></p> <p>Mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo, hagamijwe guhererekanya amakuru ku byerekeye kurwanya ibyaha by’iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry’intwari za kirimbuzi, FIC ikorana n’abashinzwe gutanga amakuru n’izindi nzego zikurikira:</p> <p>1° inzego z’umutekano, iz’ubutabera n’iz’ubutegetsi z’imbere mu Gihugu;</p>	<p><b><u>Article 22: Recruitment of the staff of FIC</u></b></p> <p>The staff of FIC are recruited and managed in accordance with relevant legislation.</p> <p><b><u>Section 2: Functioning and collaboration</u></b></p> <p><b><u>Article 23: Functioning of organs of FIC</u></b></p> <p>The rules of procedure of FIC provide for modalities for the functioning and collaboration of its organs.</p> <p><b><u>Article 24: Collaboration of FIC with reporting persons and other organs</u></b></p> <p>In the performance of its responsibilities, in order to share information related to the fight against the crimes of money laundering, terrorism financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction, FIC collaborates with reporting persons and other following organs:</p> <p>1° internal security, judicial and administrative organs;</p>	<p><b><u>Article 22: Recrutement du personnel du FIC</u></b></p> <p>Le personnel du FIC est recruté et géré conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Section 2: Fonctionnement et collaboration</u></b></p> <p><b><u>Article 23: Fonctionnement des organes du FIC</u></b></p> <p>Le règlement d’ordre intérieur du FIC prévoit les modalités de fonctionnement et de collaboration de ses organes.</p> <p><b><u>Article 24: Collaboration du FIC avec les personnes déclarantes et d’autres organes</u></b></p> <p>Dans l’accomplissement de ses attributions, en vue d’échange des informations relatives à la lutte contre les crimes de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive, FIC collabore avec les personnes déclarantes et les autres organes suivants:</p> <p>1° les organes sécuritaires, judiciaires et administratifs internes;</p>
---	--	---

<p>2° inzego zo mu karere no ku rwego mpuzamahanga bahuje inshingano;</p> <p>3° urundi rwego FIC yasanga ari ngombwa.</p>	<p>2° regional and international organs with similar responsibilities;</p> <p>3° any other organ as FIC may consider appropriate.</p>	<p>2° les organes régionaux et internationaux ayant les attributions similaires;</p> <p>3° autre organe que FIC juge nécessaire.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 25: Umutungo n'inkomoko yawo</u></b></p>	<p><b><u>Article 25: Property and its sources</u></b></p>	<p><b><u>Article 25: Patrimoine et ses sources</u></b></p>
<p>Umutungo wa FIC ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.</p>	<p>The property of FIC consists of movables and immovables.</p>	<p>Le patrimoine du FIC comprend les biens meubles et immeubles.</p>
<p>Umutungo wa FIC ukomoka kuri ibi bikurikira:</p>	<p>The property of FIC comes from the following sources:</p>	<p>Le patrimoine du FIC provient des sources suivantes:</p>
<p>1° ingengo y'imari ya Leta;</p>	<p>1° State budget allocation;</p>	<p>1° l'allocation budgétaire de l'État;</p>
<p>2° inkunga yaba iya Leta cyangwa iy'abafatanyabikorwa;</p>	<p>2° State's or partners' subsidy;</p>	<p>2° la subvention de l'État ou des partenaires;</p>
<p>3° inguzanyo ihabwa FIC yemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;</p>	<p>3° loan granted to FIC as approved by the Minister in charge of finance;</p>	<p>3° le prêt accordé au FIC approuvé par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;</p>
<p>4° impano n'indagano.</p>	<p>4° donations and bequests.</p>	<p>4° les dons et legs.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 26: Ingingo y'imari</u></b></p> <p>FIC itegura imbanzirizamushinga y'ingingo y'imari yayo ya buri mwaka ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>Ingingo y'imari ya FIC ikoresheya hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 27: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo</u></b></p> <p>Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa FIC bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>Ubugenzuzi bwite muri FIC bukora ubugenzuzi ku buryo buhoraho bugaha raporo Umuyobozi Mukuru wa FIC, bukagera kopi Umunyamabanga Nshingwabikorwa.</p>	<p><b><u>Article 26: Budget</u></b></p> <p>FIC prepares its annual draft budget proposal that is approved by the relevant authority.</p> <p>The budget of FIC is used in accordance with relevant Laws.</p> <p><b><u>Article 27: Use, management and audit of the property</u></b></p> <p>The use, management and audit of the property of FIC are carried out in accordance with relevant Laws.</p> <p>The internal audit of FIC regularly conducts an audit and submits a report to the Director General of FIC with a copy to the Executive Secretary.</p>	<p><b><u>Article 26: Budget</u></b></p> <p>Le FIC élabore l'avant-projet de son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente.</p> <p>Le budget du FIC est utilisé conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Article 27: Utilisation, gestion et audit du patrimoine</u></b></p> <p>L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du FIC sont effectués conformément à la législation en la matière.</p> <p>L'audit interne du FIC effectue régulièrement l'audit et transmet le rapport au Directeur général du FIC et donne copie au Secrétaire exécutif.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 28: Raporo y'umwaka w'ibaruramari</u></b></p> <p>Umuyobozi Mukuru ashyikiriza urwego rureberera FIC raporo y'umwaka w'ibaruramari hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari.</p>	<p><b><u>Article 28: Annual financial report</u></b></p> <p>The Director General submits the annual financial report to the supervising authority of FIC in accordance with laws governing the management of State finance and property within three (3) months following the closure of the financial year.</p>	<p><b><u>Article 28: Rapport financier annuel</u></b></p> <p>Le Directeur général transmet à l'organe de tutelle du FIC le rapport financier annuel conformément à la loi régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'État dans les trois (3) mois suivant la fin de l'exercice budgétaire.</p>

<b><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<p><b><u>Ingingo ya 29:</u> Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</b></p>	<p><b><u>Article 29:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b></p>	<p><b><u>Article 29:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b></p>
<p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p>	<p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 30:</u> Ingingo izigama n’ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko</b></p>	<p><b><u>Article 30:</u> Saving and repealing provision</b></p>	<p><b><u>Article 30:</u> Disposition de sauvegarde et abrogatoire</b></p>
<p>Uretse ingingo ya 2 y’itegeko n° 74/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rishyiraho Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, izindi ngingo zaryo zose n’ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p>	<p>Except Article 2 of Law n° 74/2019 of 29/01/2020 establishing the Financial Intelligence Centre, all its other provisions and all prior provisions contrary to this Law are repealed.</p>	<p>À l’exception de l’article 2 de la Loi n° 74/2019 du 29/01/2020 portant création du Centre de Renseignement Financier, tous ses autres dispositions ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 31:</u> Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 31:</u> Commencement</b></p>	<p><b><u>Article 31:</u> Entrée en vigueur</b></p>
<p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 18/08/2021

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux